REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru N°24/2018; **Taliki ya1– 31 Kanama 2018**

Ryoherejwe kuwa 2 Nzeri 2018

Ingingoz'ingenzi:

- Ikigereranyo cy'imvura yaguye hagati y'amataliki ya 1-31 Kanama 2018 kiri hejuru y'ikigereranyo cy' imvura isanzwe igwa mu bice byose by'igihugu kubera imvura yabonetse mu gice cya nyuma cy'uko kwezi
- Ubuhehere bw'ubutaka bwariyongereye kugeza ku gipimo kibereye ibihingwa byinshi
- Hateganijwe imvura muri Nzeri 2018 izaba ihagije hose mu gihugu, ikagera ku kigero cyo hejuru y'isanzwe iboneka mu majyepfo, uburengerazuba n'amajyaruguru

I. Iriburiro

Ikigereranyo cy'imvura yaguye hagati y'amataliki ya 1-31 Kanama 2018 kiri hejuru y'ikigereranyo cy' imvura isanzwe igwa mu bice byose by'igihugu kubera imvura yabonetse mu gice cya nyuma cy'uko kwezi

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye muri Kanama_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Kanama_2018	Kanama
Kigali	44.4	34.6
Rusizi (Kamembe)	43.5	44.3
Rubavu (Gisenyi)	89.8	71.2
Nyamagabe (Gikongoro)	76.6	39.5
Ngoma (Kibungo)	51.3	24.0
Gicumbi (Byumba)	89.4	57.1
Busogo	96.7	77.6
Bugarama	95.0	21.7
Musanze (Ruhengeri)	96.3	55.6
Gitega	64.8	17.9
Rubengera	71.4	42.7
Byimana	64.0	39.8
Kawangire	xxx	28.0
Nyagatare	57.4	47.7

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye**: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Kanama_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu Nyakanga_2018 ndetse n'isanzwe igwa mur'ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye 1–31 Kanama 2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa hagati ya 1-31 Kanama



Ikarita ya3: Imvura yaguye 1–31 Nyakanga 2018



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa hagati ya 1-31 Kanama



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu hagati ya 1-31 Kanama 2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Kanama_2018; cyerekanye imvura yabaye nyinshi hose mu gihugu cyane mu majyaruguru ndetse n'amajyepfo y'uburengerazuba aho ku bupimiro bwa Busogo habonetse mm96.7 ubwa Musanze hakaboneka mm96.3 akaba ari naho habonetse imvura nyinshi kurusha ahandi (reba **Ikarita1&2** ndetse **n'Imbonerahamwe ya1**); naho igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Nyakanga_2018; cyagaragaje ibihe bisa n'ibyo dusanzwe tumenyereye hose mu gihugu (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Kanama 2018 dekad1 **Ikarita6:** Kanama 2018 dekad2 **Ikarita7:** Kanama 2018 dekad3

Mu kwezi kwa Kanama 2018; Ubuhehere bw'ubutaka bwariyongereye kugeza ku gipimo kibereye ibihingwa byinshi (reba **Ikarita ya5, 6 &7**); bitewe n'imvura yabonetse mu gice cya nyuma cy'uko kwezi

b) Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Nzeri 2018

Hateganijwe imvura muri Nzeri 2018 izaba ihagije hose mu gihugu:

- Mu Mujyi wa Kigali: imvura iri ku kigero cy'isanzwe igwa (hagati ya mm 25-75)
- Intara y'Uburasirazuba: imvura nke iri ku kigero cy'isanzwe igwa (hagati ya mm 10-75) iyo mvura ikazaba iri ku kigero cy'isanzwe ihaboneka
- Intara y'Amajyepfo: imvura iri ku kigero cy'isanzwe igwa (hagati ya mm 25-100)
- Intara y'Uburengerazuba: imvura iri ku kigero cyo hejuru y'isanzwe igwa (hagati ya mm 50-150)
- Intara y'Amajyaruguru: imvura iri ku kigero cyo hejuru y'isanzwe igwa (hagati ya mm 50-150) mu kwezi kwose

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe muri Nzeri_2018



Ikarita8: umunsi wa 1 kugeza kuwa 30 Nzeri 2018

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)